Gusingiza Allah kwiza kuruta ibindi ni ukuvuga iri jambo: LA ILAHA ILA LLAH: Nta yindi mana ikwiye gusengwa by'ukuri uretse Allah; n'ubusabe bwiza ni ukuvuga ijambo: AL HAMDULILLAH: Ishimwe n'ikuzo ni ibya Allah

Hadithi yaturutse kwa Djabir (Imana imwishimire) yaravuze ati: Numvise Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) ivuga iti: "Gusingiza Allah kwiza kuruta ibindi ni ukuvuga iri jambo: LA ILAHA ILA LLAH: Nta yindi mana ikwiye gusengwa by'ukuri uretse Allah; n'ubusabe bwiza ni ukuvuga ijambo: AL HAMDULILLAH: Ishimwe n'ikuzo ni ibya Allah."

[Hadithi nziza] [Yakiriwe na Tirmidhi na A-NAsa'iy mu gitabo cye Sunan Al Kubra na Ibun Madjah]

Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) iravuga ko gusingiza Imana kwiza ari ukuvuga ijambo: LA ILAHA ILA LLAH: Nta yindi mana ikwiye kugaragirwa by'ukuri usibye Allah; ndetse ko ubusabe bwiza ari ukuvuga ijambo: AL HAMDULILLAH: Ikuzo n'ishimwe ni ibya Allah; ibyo bigaragaza ukwiyemerera ko ugaba ingabire n'imigisha ari Allah wenyine Nyir'ubutagatifu, ukwiye ibisingizo byuzuye kandi byiza.

http://sunnah.global/hadeeth/rw/show/3567